Ingingo ya 50: Amategeko akurikizwa ku mpano hagati y'abanyamahanga cyangwa umunyarwanda n'umunyamahanga	**Article 50: Applicable law for donation between foreigners or between a Rwandan national and a foreigner**	**Article 50: Loi applicable aux libéralités entre étranger ou entre un ressortissant rwandais et un étranger**
Impano hagati y'abanyamahanga baba bahuje ubwenegihugu cyangwa batabuhuje ibereye mu Rwanda mu buryo bw'inyandiko mpamo ikurikiza itegeko ry'u Rwanda haba ku miterere yayo cyangwa kucyo ivuga, ibimenyetso n'inkurikizi zayo. Icyakora, impano ikozwe ku buryo	An authentic donation between foreigners of the same or different nationalities made in Rwanda is governed by the laws of Rwanda either regarding its form, meaning, characteristics and effects. However, in case of a written form, the donation may be governed by the laws of the	La libéralité faite sous forme authentique au Rwanda entre les étrangers de même ou de différentes nationalités se conforme à la loi rwandaise en ce qui concerne la forme, signification, caractéristiques et effets. Toutefois, en cas de la libéralité sous seing

bw'inyandiko bwite ishobora gukorwa hakurikijwe amategeko y'ibihugu abazigirana bihitiyemo iyo bitabangamiye amategeko ndemyagihugu cyangwa imigenzo myiza by'u Rwanda.

Impano hagati y'umunyarwanda n'umunyamahanga ibereye mu mahanga ikurikiza ku byerekeranye n'imiterere yayo itegeko ry'aho impano yatangiwe. Ku birebana n'icyo ivuga, ibimenyetso cyangwa inkurikizi zayo hakurikizwa itegeko ry'u Rwanda, iry'igihugu yabereyemo cyangwa itegeko ry'igihugu cy'uwo munyamahanga.

countries as may be chosen by parties to the donation act, provided that they conform to rules of public order and good morals of Rwanda.

In case of a donation taking place abroad between a Rwandan national and a foreign national, its form is governed by the law of the place where it is made. As regards its substance, characteristics and effects, it is governed by the Rwandan law, the law of the country in which it is made or the law of the country of origin of that foreigner.

privé, elle peut se faire conformément à la législation des pays convenus entre le donateur et le donataire, à condition de respecter les règles d'ordre public et de bonnes mœurs du Rwanda.

Lorsque la libéralité est passée à l'étranger entre un ressortissant rwandais et un étranger, sa forme est régie par la loi du lieu où elle est faite. Quant à son fond, à ses caractéristiques et à ses effets, elle est régie par la loi rwandaise, la loi du pays où elle est faite ou celle du pays d'origine de cet étranger.

UMUTWE WA IV: IZUNGURA

CHAPTER IV: SUCCESSION

CHAPITRE IV: SUCCESSION

Icyiciro cya mbere: Igisobanuro cyo kuzungura n'itangira ry'izungura

Section One: Definition of succession and the opening of the succession

Section première: Définition de la succession et l'ouverture de la succession

Ingingo ya 51: Igisobanuro cyo kuzungura

Article 51: Definition of succession

Article 51: Définition de la succession

Kuzungura ni uguhabwa uburenganzira n'inshingano ku mutungo n'imyenda by'uwapfuye.

Succession is the transfer of rights and obligations on the assets and liabilities of the de cujus.

La succession est la transmission des droits et obligations sur l'actif et le passif du de cujus.

Ingingo ya 52: Itangira ry'izungura

Article 52: Opening of succession

Article 52 : Ouverture de la succession

Izungura ry'uwapfuye ritangira iyo uzungurwa amaze gupfa, rikabera aho yari atuye cyangwa yabaga.

Iyo habayeho kuzimira cyangwa kubura, izungura ritangizwa n'urubanza rutangaza urupfu rw'uwazimiye cyangwa rw'uwabuze.

Succession opens upon the death of a person, at his/her domicile or residence.

Succession also opens with a declaratory judgement of death in the event of absence or disappearance.

La succession d'une personne s'ouvre par son décès, au lieu de son domicile ou de sa résidence.

La succession s'ouvre aussi par le jugement déclaratif de décès en cas d'absence ou de disparition.

Icyakora, izungura ry'abashyingiranywe ritangira ari uko bombi bapfuye cyangwa umwe yongeye gushyingirwa keretse iyo itegeko ribiteganya ukundi.

However, succession for spouses opens when they both decease or in case one of them remarries, unless otherwise provided by law.

Toutefois, pour des époux mariés, la succession s'ouvre lors du décès des deux époux ou lorsque l'un d'eux se remarie, sauf disposition légale contraire.

Nyuma y'itangira ry'izungura, ugomba kwegeranya umutungo uzungurwa atoranywa mu buryo bwateganyijwe n'iri tegeko.

After the opening of succession, the liquidator is appointed under modalities provided for in this Law.

Après l'ouverture de la succession, le liquidateur est désigné selon les modalités prévues par la présente loi.

Izungura nta buzimagatozi rifite. Ushinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa ni we ubazwa ibirebana n'izungura byose.

The succession has no legal personality. The liquidator is responsible for all succession matters.

La succession n'a pas de personnalité juridique. Le liquidateur est responsable de toutes les affaires relatives à la succession.

Icyiciro cya 2: Abemerewe kuzungura

Section 2: Persons eligible for succession

Section 2: Personnes éligibles à la succession

Ingingo ya 53: Abahamagarirwa kuzungura

Article 53: Persons called to succeed

Article 53: Personnes appelées à la succession

Ushobora kuzungura ni umuntu ukiriho cyangwa uhagarariwe igihe izungura ryatangiraga, kimwe n'umwana ukiri mu nda, apfa gusa kuvuka ari muzima.

A person alive or represented at the moment succession opens is eligible to succeed, including any unborn child provided that he/she is born alive.

Peut succéder, la personne qui existe ou qui est représentée au moment de l´ouverture de la succession, y compris l'enfant conçu à condition qu'il naisse vivant.

Uwazimiye na we ashobora kuzungura iyo agifatwa nk'ukiriho.

The disappeared person may be entitled to succeed where he/she is assumed to be alive.

La personne portée disparue peut être éligible à la succession lorsqu'elle est présumée vivante.

Leta n'ibigo bya Leta cyangwa ibitari ibya Leta bifite ubuzimagatozi bishobora kuzungura hakurikijwe irage iyo ibizungurwa bigizwe n'umutungo ushobora gutungwa na byo.

Government and public or private entities with legal personality may be entitled to succeed under a will where the estate is comprised of property to which they are eligible.

L'Etat et les entités publiques ou privées dotées de la personnalité juridique peuvent succéder par testament lorsque le patrimoine successoral est compris parmi le patrimoine qu'ils peuvent posséder.

Ingingo ya 54: Uburinganire bw'abana mu izungura

Abana amategeko mbonezamubano yemera ko ari ab'uwapfuye bazungura ku buryo bungana nta vangura hagati y'umwana w'umuhungu n'uw'umukobwa.

Article 54: Equal treatment of children in succession

Legitimate children of the de cujus succeed in equal portions without any discrimination between male and female children.

Article 54: Egalité des enfants en matière de succession

Les enfants légitimes du de cujus lui succèdent par parts égales sans discrimination aucune entre ceux de sexe masculin et ceux de sexe féminin.

Ingingo ya 55: Umuzungura

Guhera ku munsi izungura ryatangiriyeho, umuzungura, yaba uzungura ku bw'irage cyangwa ku bw'itegeko yitwa umuzungura iyo abyemeye.

Article 55: Heir

Starting from the day of the opening of succession, a person entitled to succeed by way of a will or under law is called an heir as long as he/she accepts it.

Article 55: Héritier

A partir du jour de l'ouverture de la succession, une personne ayant droit à la succession au moyen du testament ou en vertu de la loi, est appelée héritier aussi longtemps qu'elle l'accepte.

Ingingo ya 56: Impamvu zituma habaho kwamburwa nta mpaka uburenganzira bwo kuzungura

Yamburwa nta mpaka uburenganzira bwo kuzungura, umuzungura wese:

1° wakatiwe n'inkiko kubera ko yishe abishaka cyangwa yagambiriye kwica uzungurwa;

2° wakatiwe n'inkiko kubera ko yabeshyeye cyangwa yatanzeho uzungurwa ubuhamya bw'ibinyoma bwashoboraga gutuma akatirwa n'inkiko igifungo nibura cy'amezi atandatu (6);

3° wataye nkana umwana we uzungurwa, wamugiriye igikorwa cy'urukozasoni,

Article 56: Reasons for ultimate debarment from succession

An heir is automatically deprived of succession rights if he/she:

1° is convicted of intentionally killing the de cujus or of attempting to kill him/her;

2° is convicted of a false accusation or perjury that could have resulted in the de cujus being sentenced to at least six (6) months imprisonment;

3° has deliberately abandoned his/her child whose succession is opened, committed an

Article 56: Raisons d'indignité successorale de plein droit

Est indigne de succéder de plein droit, tout héritier qui:

1° a été condamné pour avoir causé intentionnellement la mort ou voulu attenter à la vie du de cujus;

2° a été condamné pour dénonciation calomnieuse ou faux témoignage qu'aurait pu entraîner à l'encontre du de cujus une condamnation à une peine d'emprisonnement de six (6) mois au moins;

3° a délibérément abandonné son enfant dont la succession est ouverte, l'a exposé à

wamwangije imyanya ndangagitsina, wamusambanyije cyangwa wamushoye mu busambanyi.	indecent assault, sexual abuse, exposed him/her to sexual exploitation or sexually abused him/her.	l´exploitation sexuelle ou a attenté à sa pudeur.
Icyemezo cy'urukiko cyonyine kirahagije kugira ngo umuzungura wemewe n'itegeko wakoze kimwe mu byaha byavuzwe mu gika kibanziriza iki, avanwe mu bazungura.	A court judgment convicting the legitimate heir of one of the offences referred to under the previous Paragraph is sufficient to deprive him/her of the right to be among heirs.	Le jugement de condamnation suffit pour écarter l'héritier légitime coupable de l'une des infractions visées à l'alinéa précédent, parmi les héritiers.
Ingingo ya 57: Izindi mpamvu zishobora gutuma habaho kwamburwa uburenganzira bwo kuzungura	**Article 57: Other possible reasons for debarment from succession**	**Article 57: Autres raisons possibles d'indignité successorale**
Ashobora kwamburwa uburenganzira bwo kuzungura, umuzungura wese wemewe n'itegeko cyangwa uwahawe indagano wese:	Any legitimate heir or legatee may be debarred from succession if:	Peut être frappé d'indignité successorale, tout héritier légitime ou le légataire qui:
1° wacanye umubano wa kibyeyi n'uwapfuye igihe yari akiriho;	1° during the lifetime of the de cujus, he/she broke off parental relationships with the de cujus;	1° du vivant du de cujus, a rompu les relations parentales avec le de cujus ;
2° wirengagije abigambiriye kandi yari ashoboye kwita k'uzungurwa mu gihe yari abikeneye;	2° he/she deliberately failed to take care of the de cujus in time of need;	2° a délibérément négligé d'apporter au de cujus des soins alors qu´il en avait besoin;
3° witwaje ubushobozi buke bw'uzungurwa, ari ubwo mu mutwe cyangwa ku mubiri, akiharira igice cyangwa ibizungurwa byose;	3° he/she took advantage of the physical or mental inability of the de cujus to take over the whole or part of inheritance;	3° abusant de l'incapacité physique ou mentale du de cujus, s'est accaparé de tout ou partie de l'héritage;
4° warigishije nkana, wacagaguye cyangwa wangije irage rya nyuma ry'uwapfuye atabimwemereye, cyangwa wihaye uburenganzira agendeye ku irage ryavanweho cyangwa ryataye agaciro.	4° intentionally disposed of, destroyed or altered the last will of the de cujus without his/her consent or took advantage of a revoked or voided will.	4° intentionnellement a fait disparaître, détruit ou altéré le dernier testament du de cujus sans l'assentiment de celui-ci ou qui s'est prévalu d'un testament révoqué ou devenu caduc.
Ufite uburenganzira bwo kuzungura wese ashobora, mu gihe kitarenze umwaka umwe (1)	Any person entitled to succession, within a period not exceeding one (1) year from the day	Tout héritier peut, dans une période ne dépassant pas un (1) an à compter de l´ouverture

uhereye ku munsi izungura ryatangiriyeho cyangwa ku munsi yamenyeyeho imwe muri izi mpamvu, gusaba urukiko rubifitiye ububasha kwambura uburenganzira bwo kuzungura ugomba kuzungura cyangwa ugomba guhabwa indagano, wateje imwe mu mpamvu zavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. Ikirego gitangwa mu buryo bw'ibirego byihutirwa.

of the opening of succession or the day he/she became aware of one of those reasons, may petition the competent court to debar the heir or legatee responsible for one of the acts provided under the Paragraph One of this Article from succession. The claim is filed in the form of summary procedure.

de la succession ou le jour auquel il prend connaissance d´une de ces raisons, demander à la juridiction compétente de déclarer l´indignité successorale du successible ou du légataire responsable de l´un des actes visés à l'alinéa premier du présent article. La requête est introduite en la forme de la procédure de référé.

Ingingo ya 58: Kwirengagiza impamvu zambura uburenganzira bwo kuzungura

Article 58: Disregarding of reasons for debarment from succession

Article 58: Non-considération des raisons d'indignité successorale

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 56 n'iya 57 z'iri tegeko, iyo mbere yo gupfa, uzungurwa wari uzi impamvu yashoboraga gutera kwamburwa uburenganzira bwo kuzungura, nyamara ntabikore, uzungura ntiyamburwa uburenganzira bwo kuzungura.

Subject to the provisions of Articles 56 and 57 of this Law, an heir shall not be debarred from succession if, before death, the de cujus knew the reason for debarment from succession and did not raise such debarment.

Sous réserve des dispositions des articles 56 et 57 de la présente loi, l´héritier ne peut être frappé d'indignité successorale si, avant sa mort, le de cujus, connaissant la raison d'indignité successorale, n'a pas pu soulever cette indignité successorale.

Ingingo ya 59: Inkurikizi zo kwamburwa uburenganzira bwo kuzungura

Article 59: Effects of debarment from succession

Article 59: Effets de l'indignité successorale

Uwambuwe uburenganzira bwo kuzungura avanwa mu mubare w'abazungura b'uwapfuye.

Umugabane yagombaga kubona wongerwa ku migabane y'abazungura basigaye.

y'umutungo**.**

A person debarred from succession is excluded from succession of the estate of de cujus. His/her supposed portion is added to the respective portions of other heirs.

Uwambuwe uburenganzira bwo kuzungura abuzwa gusa kuzungura umutungo w'uwo yahemukiye, ariko ashobora kuzungura undi mutungo w'umuryango. Icyakora, uwambuwe uburenganzira bwo kuzungura buvugwa mu ngingo ya 56 y'iri tegeko atakaza uburenganzira bwo kuzungura ku mutungo wose w'umuryango akomokamo, hatitawe ku buryo bw'imicungire

Debarment from succession only affects the right to succeed to the estate of the person offended and may not affect the right to succeed to other property of the family. However, any person debarred from succession under Article 56 of this Law loses the right to succeed the whole estate of his/her family, disregarding of the management of the property regime.

Une personne frappée d'indignité successorale est exclue de la succession du patrimoine successoral du de cujus. La part qui devait lui revenir accroît la part des autres héritiers.

L´indignité successorale ne s´applique seulement qu´à la succession de la personne envers qui la faute a été commise et non à tout le patrimoine successoral de la famille.

Toutefois, la personne frappée d'indignité successorale conformément à l'article 56 de la présente loi, perd le droit de succession de tout le patrimoine successoral de sa famille, sans tenir compte du régime de la gestion de biens.

Uzungura cyangwa uhabwa indagano wakuwe mu mubare w'abazungura kubera kwamburwa uburenganzira bwo kuzungura, ategetswe gusubiza umutungo yazunguye, yarazwe cyangwa agaciro kawo mu gihe akiriho.

The heir or the legatee excluded from succession as a result of debarment from succession, during his/her lifetime, is bound to return all inherited or bequeathed property or the value thereof.

L´héritier ou le légataire exclu de la succession pour cause d'indignité successorale est tenu, de son vivant, de rendre les biens hérités, légués ou la valeur de ces biens.

Icyiciro ka 3: Uko izungura rikorwa

Akiciro ka mbere: Izungura rikozwe ku buryo bw'irage

Ingingo ya 60: Uko izungura rikorwa

Izungura ry'uwapfuye rishobora gukorwa nta rage cyangwa ku buryo bw'irage ku bintu byose cyangwa bimwe muri byo.

Umutungo uwapfuye atatanze mu buryo bw'irage ugabanywa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko ku bijyanye n'izungura rikozwe nta rage.

Section 3: Modalities for succession

Subsection One: Testamentary succession

Article 60: Modalities for succession

Succession of the de cujus may be wholly or partially intestate or testamentary.

Any property of the de cujus not given by way of a will is devolved according to provisions of this Law applicable to intestate succession.

Section 3: Modalités de succession

Sous-section première: Succession testamentaire

Article 60: Modalités de succession

La succession du de cujus peut être ab intestat ou testamentaire, en tout ou en partie.

Les biens du de cujus non donnés par testament sont dévolus conformément aux dispositions de la présente loi applicables à la succession ab intestat.

Ingingo ya 61: Igisobanuro cy'irage

Irage ni igikorwa mbonezamategeko, kigirwa n'umwe mubo kireba, gishobora guseswa kandi kigakorwa muri bumwe mu buryo buteganywa n'itegeko, aho umuntu agena amerekezo y'ibintu bye igihe azaba atakiriho. Uraga yikuraho ibintu nta kiguzi, uragwa akabyegukana ari uko uraga apfuye.

Article 61: Definition of the will

A will is a revocable unilateral deed intended to have legal effect which is drawn up in accordance with one of the procedures prescribed by law, by which a person determines the disposition of his/her property after his/her death. The testator gratuitously transfers his/her property, the full ownership of which is acquired by the legatee after the testator's death.

Article 61: Définition du testament

Un testament est un acte juridique unilatéral, révocable, établi dans l'une des formes prévues par la loi, par lequel une personne détermine la destination de son patrimoine après sa mort. Le testateur cède des biens gratuitement et le légataire entre en possession dudit patrimoine après la mort du testateur.

Ingingo ya 62: Igihe irage rikorerwa	**Article 62:Period of making a will**	**Article 62: Période d'établissement du testament**
Irage rikorwa na buri muntu mbere y'uko apfa. Uraga yikuraho ibintu nta kiguzi, uragwa akabyegukana ari uko uraga apfuye.	A will is made by any person prior to his/her death. The testator disposes of his/her property with no cost, and the heir only enjoys full ownership thereof upon the testator's death.	Le testament est établi par quiconque avant sa mort. Le testateur dispose de son patrimoine gratuitement, et l'héritier ne jouit du plein droit de la propriété qu'après le décès du testateur.
Ingingo ya 63: Ubushobozi bw'uraga	**Article 63: Capacity of the testator**	**Article 63: Capacité du testateur**
Umuntu wese ufite ubushobozi busabwa n'amategeko ashobora kuraga igice cyangwa umutungo we wose hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.	Any person with the required legal capacity may dispose of all or part of his/her property by a will in accordance with the provisions of this Law.	Toute personne ayant la capacité requise par la loi peut disposer par testament tout ou partie de son patrimoine conformément aux dispositions de la présente loi.
Icyakora, irage rikozwe n'umwe mu bashyingiranywe mu buryo bw'ivangamutungo rusange cyangwa ivangamutungo w'umuhahano, ku mutungo bahuriyeho rigomba kwemerwa mu nyandiko n'uwo bashyingiranywe.	However, a will made by one spouse married under community of property regime or limited community of property regime related to common property must be allowed by the other spouse through written consent.	Toutefois, pour le testament établi par l'un des époux sous le régime de communauté universelle ou le régime de la communauté réduite aux acquêts sur le patrimoine commun aux époux, l'accord écrit de l'autre époux est obligatoire.
Ukora irage kimwe n'uwo bashyingiranywe agomba kuba afite ubushobozi busabwa n'amategeko mu gihe yakoraga irage.	The testator, as well as his/her spouse must have the legal capacity at the time of making a will.	Le testateur, de même que son conjoint, doit avoir la capacité requise par la loi au moment de faire un testament.
Ingingo ya 64: Ubushobozi bw'uragwa	**Article 64: Capacity of the legatee**	**Article 64:Capacité du légataire**
Uragwa agomba kuba afite ubushobozi buteganywa n'amategeko ku munsi wo kwemera irage.	The legatee must possess legal capacity on the day of acceptance of the will.	Le légataire doit avoir la capacité légale le jour de l'acceptation du testament.
Ku mwana utaragira imyaka y'ubukure cyangwa ku muntu mukuru udafite ubushobozi, kwemera irage bikorwa hubahirijwe amategeko agenga uguhagararira abadafite ubushobozi.	The acceptance by a minor or an incapacitated person of a will, is done in compliance with the rules relating to the representation of incapacitated persons.	L'acceptation d'un testament par le mineur ou majeur incapable se fait conformément aux règles de la représentation des incapables.

Ingingo ya 65: Uburyo irage rikorwamo	**Article 65: Procedure for making a will**	**Article 65: Procédure d'établissement d'un testament**
Irage rikorwa mu buryo bw'inyandiko mpamo cyangwa bw'inyandiko bwite.	A will is either authentic or private.	Le testament est établi sous forme authentique ou sous-seing privé.
Irage rikozwe mu buryo bw'inyandiko mpamo ni irage rikorewe imbere ya Noteri n'uraga cyangwa imbere y'Umwanditsi w'Irangamimerere waho uraga atuye cyangwa aba.	An authentic will is the one made by the testator before the Notary or the Civil Registrar of the testator's place of residence or domicile.	Le testament authentique est celui établi par le testateur soit devant le Notaire, soit devant l'Officier de l'Etat Civil de son domicile ou de sa résidence.
Umwanditsi w'Irangamimerere cyangwa Noteri abika inyandiko y'umwimerere akandika mu gitabo cyabugenewe itariki irage ryakoreweho, amazina y'uraga n'aho atuye cyangwa aho aba.	The Civil Registrar or the Notary keeps the original document and records the date on which the will is made along with the testator's name and domicile or residence in the appropriate register.	L'Officier de l'Etat Civil ou le Notaire en garde l'original et inscrit dans le registre approprié la date à laquelle celui-ci est établi ainsi que les noms et le domicile ou la résidence du testateur.
Inyandiko y'umwimerere n'igitabo cyandikwamo irage bibikwa mu ibanga, ntawe ushobora kumenya ibyanditswemo uraga atarapfa kandi bimenyeshwa gusa abarebwa n'irage bonyine.	The original document and the register are kept confidential and only be made accessible to those involved in the will after the testator's death.	L'original et le registre sont confidentiels et ne peuvent être consultés qu'après la mort du testateur et par les seules personnes concernées par le testament.
Irage rikozwe mu nyandiko bwite ni irage ryanditse ryose n'intoki z'uraga, hari abatangabuhamya nibura babiri (2) akarishyiraho itariki, umukono we n'uw'abatangabuhamya. Iyo ukora irage atazi kwandika cyangwa nta bushobozi afite bwo kwandika n'ubwo gushyira umukono ku irage, ashobora kwihitiramo uryandika mu mwanya we.	A private will is the one entirely handwritten by the testator in the presence of at least two (2) witnesses, dated and signed by the testator and witnesses. If the testator cannot write or is unable to draw up and sign the will, he/ she can designate a person of his/her choice to draw up the will on his/her behalf.	Le testament sous seing privé est celui qui est écrit en entier de la main du testateur en présence d'au moins deux (2) témoins. Le testament est daté et signé par le testateur et les témoins. Si le testateur ne sait pas écrire ou se trouve dans l'incapacité de rédiger et de signer son testament, il peut désigner une personne de son choix pour le rédiger en son nom.
Ingingo ya 66: Ivugururwa ry'irage	**Article 66: Amendment of a will**	**Article 66: Révision du testament**
Irage rishobora kuvugururwa rigakorwa mu nyandiko z'umurage nyinshi kandi zikubahirizwa icyarimwe mu buryo bwose bushobotse.	A will may be amended and recorded under testamentary provisions found in several wills	Le testament peut être révisé et présenté sous forme de dispositions testamentaires contenues

	which is, to the extent practicable, executed jointly.	dans plusieurs testaments qui sont exécutés, dans la mesure du possible, conjointement.
Iyo ibiteganywa n'imirage ibiri cyangwa myinshi bivuguruzanya, hubahirizwa ibikubiye mu irage riherutse gukorwa.	Where the provisions of two or more wills are inconsistent with one another, those contained in the most recently drawn up will prevail.	Lorsque les dispositions de deux ou plusieurs testaments se contredisent, la préférence est donnée aux dispositions contenues dans le testament le plus récent.
Ingingo ya 67: Itangazwa ry'irage	**Article 67: Disclosure of a will**	**Article 67: Révélation du contenu du testament**
Mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) nyuma y'urupfu rw'uwaraze, umukuru w'umuryango agena umunsi irage rizatangarizwa abazungura b'uwapfuye. Kuri uwo munsi irage ritangarijweho, hanashyirwaho abagize inama ishinzwe iby'izungura. Ubifitemo inyungu wese ashobora kwitabira iryo tangazwa.	Within a period not exceeding thirty (30) days from the testator's death, the head of the family sets the date for the disclosure of the will to the heirs of the de cujus. On that date, there is established a succession council. Any interested person may attend the disclosing session.	Dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours après le décès du testateur, le chef de famille détermine la date de la révélation du contenu du testament aux héritiers du de cujus. A cette même date, il est procédé à la mise en place d'un conseil successoral. Toute personne intéressée peut participer à cette séance de révélation.
Ingingo ya 68: Kugena mu irage uwegeranya umutungo uzungurwa	**Article 68: Appointment of an executor in a will**	**Article 68: Désignation de l´exécuteur testamentaire dans un testament**
Uraga ashobora gushyira mu nyandiko y'irage umuntu umwe cyangwa benshi bashinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa.	The testator may appoint in his/her will one or several testamentary executors responsible for liquidating the estate.	Le testateur peut désigner dans son testament, un ou plusieurs exécuteurs testamentaires chargés d'assurer la liquidation du patrimoine successoral.
Ingingo ya 69: Itegeko rikurikizwa mu nyandiko z'irage z'Umunyarwanda uba mu mahanga igihe ikiragwa kiri mu Rwanda	**Article 69: Law applicable to the wills made by a Rwandan residing outside Rwanda when the estate is in Rwanda**	**Article 69: Loi applicable aux testaments d'un Rwandais résidant à l'étranger lorsque le patrimoine successoral se trouve au Rwanda**
Inyandiko z'irage zikozwe n'Umunyarwanda uba mu mahanga igihe ikiragwa kiri mu Rwanda zigengwa na:	Wills made by a Rwandan residing outside Rwanda when the estate is in Rwanda are governed by:	Les testaments d'un Rwandais résidant à l´étranger lorsque le patrimoine successoral se trouve au Rwanda sont régis par:

1° itegeko ry'igihugu zakorewemo ku byerekeranye n'uko ziteye. Icyakora**,** Umunyarwanda ashobora no guhitamo uburyo buteganywa n'itegeko ry'igihugu cye;

2° itegeko ry'u Rwanda ku byerekeye icyo zivuga n'inkurikizi zazo.

Ingingo ya 70: Inyandiko z'irage zikozwe n'umunyamahanga uba mu Rwanda

Inyandiko z'irage zikozwe n'umunyamahanga uba mu Rwanda zigengwa na:

1° itegeko ry'igihugu zakorewemo ku byerekeranye n'uko ziteye. Icyakora**,** umunyamahanga ukoreye irage mu Rwanda ashobora guhitamo uburyo buteganywa n'itegeko ry'igihugu akomokamo;

2° itegeko ry'igihugu akomokamo ku byerekeye icyo zivuga n'inkurikizi zazo.

Ingingo ya 71: Ivanwaho ry'irage n'ingaruka zaryo

Irage rishobora kuvanwaho ryose cyangwa igice cyaryo n'urukiko bisabwe n'ubifitemo inyungu mu gihe ryakozwe ku gahato, ryakoranywe uburiganya cyangwa ritubahirije ibiteganywa n'iri tegeko.

Ivanwaho ry'irage ritesha agaciro iryo rage. Izungura ry'umutungo w'uwapfuye rikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko niba nta rindi rage ryigeze rikorwa.

1° the law of the country in which they are made, as to the form. However, a Rwandan may also choose to comply with the forms laid down by the law of his/her country;

2° the Rwandan law, as to the substance and effects.

Article 70: Wills made by a foreign national residing in Rwanda

Wills made by a foreign national residing in Rwanda are governed by:

1° the law of the country in which they are made, as to the form. However, a foreign national who makes his/her will in Rwanda may choose to comply with the forms laid down by the law of his/her country of origin;

2° the law of his/her country of origin, as to the substance and effects.

Article 71: Revocation of a will and its effects

A will may be revoked in whole or in part by the court upon request by the interested party when it is the result of force, fraud or does not conform to the provisions of this Law.

Revocation of a will automatically entails annulment of a will. If no other will was made, the succession of the de cujus is conducted in accordance with provisions of this Law.

1° la loi du lieu où ils sont établis, quant à la forme. Toutefois, un Rwandais peut également décider de suivre la forme prévue par la législation de son pays;

2° la législation rwandaise, quant au fonds et aux effets.

Article 70: Testaments établis par un étranger résidant au Rwanda

Les testaments établis par un étranger résidant au Rwanda sont régis par:

1° la loi du lieu où ils sont faits, quant à la forme. Toutefois, un étranger faisant un testament au Rwanda peut décider de suivre la forme prévue par la législation de son pays d'origine;

2° la législation de son pays d'origine, quant au fonds et aux effets.

Article 71: Révocation du testament et ses effets

Un testament peut être révoqué en tout ou en partie par la juridiction sur demande d'une partie intéressée au cas où ce testament est obtenu par force, par dol ou lorsqu'il n'est pas conforme aux dispositions de la présente loi.

La révocation du testament l'annule de plein droit. Si aucun autre testament n´a été établi, la succession du de cujus se fait conformément aux dispositions de la présente loi.

Akiciro ka 2: Izungura rikozwe nta rage	**Subsection 2: Intestate succession**	**Sous-section 2: Succession ab intestat**
Ingingo ya 72: Igisobanuro cy'izungura rikozwe nta rage	**Article 72:Definition of intestate succession**	**Article 72: Définition de la succession ab intestat**
Izungura rikozwe nta rage ni izungura rikorwa hakurikijwe itegeko, iyo nta rage ryabayeho.	Intestate succession is a succession opened in accordance with law, in the absence of a will.	La succession ab intestat est une succession ouverte conformément à la loi, à défaut d'un testament.
Ingingo ya 73: Urutonde rw'abazungura bahoraho	**Article 73: Order of regular heirs**	**Article 73: Ordre des héritiers réguliers**
Mu izungura hakurikizwa urutonde rukurikira:	Heirs are entitled to inherit in the following order:	Les héritiers viennent à la succession dans l'ordre suivant:
1° abana b'uwapfuye;	1° children of the de cujus;	1° les enfants du de cujus;
2° se na nyina b'uwapfuye;	2° father and mother of the de cujus;	2° le père et la mère du de cujus;
3° abavandimwe b'uwapfuye basangiye ababyeyi bombi;	3° full-blood brothers and sisters of the de cujus;	3° les frères et sœurs germains du de cujus ;
4° abavandimwe b'uwapfuye basangiye umubyeyi umwe;	4° half-brothers and half-sisters of the *de* cujus;	4° les demi-frères et demi-sœurs du de cujus ;
5° ba sekuru na nyirakuru b'uwapfuye;	5° grandparents of the de cujus;	5° les grands-parents du de cujus;
6° ba se wabo, ba nyirasenge, ba nyirarume na ba nyina wabo b'uwapfuye.	6° paternal and maternal uncles and aunts of the de cujus.	6° les oncles et tantes paternels et maternels du de cujus.
Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 41 y'iri tegeko, buri rwego rw'abazungura ruzitira izindi mu rutonde rw'izungura.	Subject to provisions of Article 41 of this Law, each category of successors excludes others in the order of succession.	Sous réserve des dispositions de l'article 41 de la présente loi, chaque rang des héritiers exclut les autres dans l'ordre de la succession.
Abana b'uwapfuye basangiye ababyeyi bombi bazungura mu gisekuru cya se n'icya nyina, naho	Full-blood children of the de cujus inherit from both the paternal and maternal sides, while	Les enfants germains du de cujus succèdent dans la ligne paternelle et maternelle, les

abana bahuje umubyeyi umwe gusa bazungura mu gisekuru cy'umubyeyi wabo gusa.

consanguineous and uterine children inherit only from the side of the parent to whom they are related.

enfants utérins ou consanguins succèdent dans la ligne du parent à qui ils succèdent.

Ingingo ya 74: Ihagararira mu izungura

Uretse se na nyina, sekuru na nyirakuru b'uwapfuye, iyo abazungura b'uwapfuye bapfuye mbere ye, bahagararirwa mu izungura n'ababakomokaho. Ku bakomoka k'uwapfuye, iryo hagararirwa ntirigira aho rirangirira kandi igabana rikorwa hakurikijwe igisekuru.

Article 74: Representation in succession

Apart from the father and mother, grandfather and grandmother of the de cujus, the heirs who predecease him/her are represented in succession by their descendants. Representation is unlimited among direct descendants and the partition is done following the generation.

Article 74: Représentation à la succession

Hormis le père et la mère, le grand-père et la grand-mère du de cujus, les héritiers décédés avant le de cujus, sont représentés à la succession par leurs descendants. La représentation a lieu à l´infini dans la ligne directe descendante et le partage s´opère par souche.

Ingingo ya 75: Uburenganzira bw'uwapfakaye ku izungurwa ry'uwo bari barashyingiranywe

Uwapfakaye afite uburenganzira bwo kugira uruhare mu izungura ry'umutungo wasizwe n'uwo bari barashyingiranywe.

Article 75: Right of the surviving spouse to the succession of the deceased spouse

The surviving spouse is entitled to take part in succession of the deceased spouse's estate.

Article 75: Droit de l'époux survivant à la succession de l'époux décédé

L'époux survivant a droit à succéder au patrimoine successoral de l'époux décédé.

Uwapfakaye uhamagawe mu izungura, azungurana mu buryo bungana n'abazungura bo ku rwego rwa mbere.

The surviving spouse called to succeed inherits in equal portions with first category heirs.

L'époux survivant appelé à la succession, a droit à la succession à une part égale au même titre que les héritiers du premier ordre.

Iyo nta bazungura bo ku rwego rwa mbere bahari, azungurana n'abazungura bo ku rwego rwa kabiri. Iyo na bo badahari, azungurana n'abo ku rwego rwa gatatu, bityo bityo.

If there are no heirs of the first category, he/she has the same right of succession as heirs in the second category and in the absence of heirs of the second category, he/she co-inherits with those of the third category, and so forth.

Au cas où il n'y a aucun héritier du premier ordre, il a le même droit de succession que les héritiers du second ordre, si les héritiers du second ordre ne sont pas là, il cohérite avec ceux du troisième ordre, et ainsi de suite.

Ingingo ya 76: Uburyo izungurwa rikorwamo mu gihe cy'ivangamutungo rusange

Abashyingiranywe bafitanye amasezerano y'ivangamutungo rusange bazungurwa mu buryo bukurikira:

1° iyo umwe apfuye usigaye yegukana umutungo wose akubahiriza inshingano yo kurera abana babo n'ab'uwapfuye bemewe n'amategeko;

2° iyo bombi bapfuye basize abana, umutungo wose uzungurwa n'abana bose abapfuye basize. Iyo hari abana badahuriyeho, umutungo ugabanywamo kabiri (2), buri mwana akazungura umubyeyi we;

3° iyo bombi bapfuye badasize abana, umutungo ugabanywamo kabiri, kimwe cya kabiri (1/2) kigahabwa abazungura b'umugabo ikindi kigahabwa abazungura b'umugore;

4° iyo uwapfakaye nta mwana afitanye n'uwapfuye akongera gushaka afata kimwe cya kabiri (1/2) cy'umutungo nk'uburenganzira akura ku masezerano y'ivangamutungo, kimwe cya (1/2) gisigaye akakizungurana n'abazungura bandi b'uwapfuye. Muri icyo gihe agumana bitatu bya kane (3/4) by'umutungo w'uwapfuye. Iyo atongeye gushyingirwa yegukana umutungo wose akawurereramo abana uwapfuye

Article 76: Succession modalities under the community of property regime

Succession ofspouses married under the community of property regime is done as follows:

1° if one of the spouses dies, the surviving spouse is entitled to the entire property and fulfils the duty to take care of their children and that of the legitimate children of the de cujus;

2° if both spouses die leaving children, the children inherit the entire property of their deceased parents. Where there are children who were not born to both spouses, the property is divided into two (2) equal parts, each child succeeds his/her parent;

3° if both spouses die leaving no children, the property is divided into two (2) equal parts, one half being allocated to the heirs of the husband and the other being allocated to the heirs of the wife;

4° if the surviving spouse has no children with the de cujus and gets remarried, he/she has the right to receive half (1/2) of the property by virtue of the community of property regime and co-inherits the other half (1/2) with the heirs of the de cujus. In this case, he/she receives three quarters (3/4) of the property of the de cujus. If the surviving spouse does not get remarried he/she is entitled to the whole property which enables him/her to raise

Article 76: Modalités de succession sous le régime de la communauté universelle

La succession des époux sous le régime de la communauté universelle s'effectue selon les modalités suivantes:

1° en cas de décès de l'un des époux, le conjoint survivant jouit du droit à la totalité du patrimoine et s'engage à accomplir le devoir d'élever leurs enfants et les enfants légitimes du de cujus;

2° si les deux (2) époux décèdent en laissant des enfants, ceux-ci succèdent la totalité du patrimoine de leurs parents décédés. Au cas où il existe des enfants non communs, le patrimoine est divisé en deux (2) parties égales, chaque enfant succède à son parent;

3° lorsque les deux époux décèdent sans laisser d'enfants, le patrimoine est divisé en deux (2) parties égales et la moitié est allouée aux héritiers du mari et l'autre à ceux de la femme ;

4° lorsque l'époux survivant n'a pas d'enfants communs avec le de cujus et se remarie, il a le droit de se voir attribuer la moitié (1/2) du patrimoine en vertu du régime de la communauté universelle et de cohériter l'autre moitié (1/2) avec les héritiers du de cujus. Dans ce cas, il obtient les trois quarts (3/4) du patrimoine du de cujus. Si l'époux survivant ne se remarie pas, il obtient tout le patrimoine qui lui permet d'élever des

yemeye cyangwa yemejwe n'amategeko, iyo bahari;

5° iyo uwapfakaye yongeye gushyingirwa kandi nyamara yari afitanye abana n'uwapfuye cyangwa hari abo yari yaremeye cyangwa yaremejwe ku buryo bwemewe n'amategeko, izungura ry'uwapfuye rirafungurwa, maze kimwe cya kabiri (1/2) kikegukanwa n'uwapfakaye nk'uburenganzira akura ku masezerano y'icungamutungo, ikindi akakizungurana n'abana bose uwapfuye asize ku buryo bungana. Muri icyo gihe, uruhare rw'abana batarageza ku myaka y'ubukure arakomeza akarubacungira, keretse urukiko rubigennye ukundi.

6° iyo uwapfakaye ataye inshingano zo kurera abana bose cyangwa bamwe muri bo uwapfuye asize, yamburwa n'urukiko rubifitiye ububasha izo nshingano na kimwe cya kabiri (½) cy'umutungo wose, rukanagena ushinzwe kubarera no kubacungira umutungo kugeza igihe bagiriye imyaka y'ubukure.

<u>Ingingo ya 77</u>: Uburyo izungurwa rikorwamo mu gihe cy'ivangamutungo w'umuhahano

Ku bashyingiranywe bafitanye amasezerano yo kuvanga umutungo w'umuhahano, izungura rikurikiza uburyo bukoreshwa mu ivangamutungo rusange ku mutungo w'umuhahano n'uburyo bukoreshwa ku ivanguramutungo risesuye ku

children voluntarily or judicially acknowledged by the de cujus, if any;

5° if the surviving spouse gets remarried when there are children she has with the de cujus or children voluntarily or judicially acknowledged by the de cujus, succession to the deceased spouse's succession is opened in such way that he/she receives one half (1/2) of the property by virtue of the matrimonial regime and inherits the remaining half (1/2) on an equal basis with all children left behind by the de cujus. In this case, he/she continues to administer portion of minor children, unless otherwise decided by the court.

6° if the surviving spouse fails to fulfil his/her duties of raising some or all of the children left behind by the de cujus, the competent court strips him/her of such duties and of half (1/2) of the whole property and determines guardian of children and who is in charge of ensuring the management of the property until they attain the age of majority.

<u>Article 77</u>: Succession modalities under the limited community of property regime

For the spouses married under the limited community of property regime, the succession modalities for community of property regime apply to their common property and modalities applied to separation of property, for the property

enfants volontairement ou judiciairement reconnus par le de cujus, le cas échéant.

5° si l'époux survivant se remarie alors qu'il existe des enfants qu'il a avec le de cujus ou des enfants volontairement ou judiciairement reconnus par le de cujus, la succession est ouverte de telle sorte qu'il se voit attribuer la moitié (1/2) du patrimoine en vertu du régime matrimonial et de partager la moitié restante de l'héritage à parts égales avec tous les enfants laissés par le de cujus. Dans ce cas, il continue à administrer les parts revenant aux enfants mineurs, sauf décision contraire de la juridiction.

6° si l'époux survivant ne remplit pas ses obligations d'assurer la garde d'une partie ou de l'ensemble des enfants laissés par le de cujus, la juridiction compétente le déchoit de ses obligations et de la moitié (1/2) de tout le patrimoine et détermine le gardien des enfants et qui est chargé de la gestion du patrimoine jusqu'à ce qu'ils atteignent l'âge de la majorité.

<u>Article 77</u>: Modalités de succession en cas de régime de la communauté réduite aux acquêts

Pour les époux mariés sous régime de la communauté réduite aux acquêts, la succession se fait suivant les modalités relatives au régime de communauté universelle pour les acquêts et aux modalités applicables au régime de la

mutungo wa buri wese hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

Ingingo ya 78: Uburyo izungurwa rikorwamo mu gihe cy'ivanguramutungo risesuye

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 75 y'iri tegeko, ku bashyingiranywe bafitanye amasezerano y'ivanguramutungo risesuye, iyo umwe apfuye, usigaye agumana umutungo we bwite naho umutungo w'uwapfuye ukazungurwa n'abana bose bemewe n'amategeko uwapfuye asize.

Iyo harimo abana bataragera ku myaka y'ubukure, uwapfakaye akomeza kubacungira umutungo bazunguye.

Iyo uwapfuye nta bana asize, uwo bashyingiranywe usigaye azungurana n'abandi bazungura umutungo uwapfuye asize, akegukana kimwe cya kabiri (1/2) cyawo, ikindi kikegukanwa n'abandi bazungura b'uwapfuye. Iyo habaye igabana, uwapfakaye ashobora gusaba ko yahabwa mu mugabane we mbere y'abandi bazungura bose, inzu yabanagamo n'uwo bari barashyingiranywe n'ibiyirimo. Iyo agaciro kayo n'ak'ibiyirimo karenze umugabane we, arayigumana ariko agatanga inshumbushanyo.

Muri iyi ngingo inzu y'umuryango ni inzu bwite abashyingiranywe babanagamo nk'umugabo n'umugore ibarirwa mu mutungo w'umwe muri

of each of them in accordance with the provisions of this Law.

Article 78: Succession modalities under the separation of property regime

Subject to the provisions of Article 75 of this Law, when one of the spouses married under the separation of property regime dies, the surviving spouse retains ownership on his/her own property, while the property of the de cujus is inherited by legitimate children of the de cujus.

If the de cujus leaves minor children, the surviving spouse continues to ensure the administration of their property.

bo. one of the spouses.

séparation des biens, pour le patrimoine de chacun d'eux conformément aux dispositions de la présente loi.

Article 78: Modalités de succession sous le régime de séparation de biens

Sous réserve des dispositions de l'article 75 de la présente loi, lorsque l'un des époux mariés sous le régime de séparation de biens décède, l'époux survivant a droit à son patrimoine propre alors que le patrimoine du de cujus est hérité par ses enfants légitimes.

Si le de cujus laisse des enfants mineurs, l'époux survivant continue à assurer l'administration de leur patrimoine.

Si le de cujus ne laisse pas d'enfants, l'époux survivant succède avec les autres héritiers de l'époux défunt et hérite de la moitié (1/2) de tout le patrimoine, l'autre étant partagé entre ces autres héritiers. En cas de partage, l'époux survivant peut réclamer le droit de préemption pour recevoir dans sa part la maison familiale et l'équipement qui s'y trouve. Lorsque la valeur de la maison et celle de l'équipement qui s'y trouve dépassent sa part, l'époux survivant demeure propriétaire de la maison à condition qu'il paie la soulte.

If the de cujus leaves no child, his/her spouse co-succeeds with other heirs and he/she owns half (1/2) of it, and other part is owned by his/her heirs. In case of partition, the surviving spouse may ask to be granted the pre-emptive right to receive the family house and equipment therein as part of his/her portion. Where the value of the house and equipment therein exceed his/her portion, the surviving spouse retains ownership of the house provided that he/she pays the compensation.

In this Article, the family house means a dwelling in which spouses lived as husband and wife and which is listed among the property of

Aux fins du présent article, on entend par maison familiale une demeure dans laquelle les époux vivaient comme mari et femme et qui est inventoriée parmi le patrimoine de l'un d'eux.

Ingingo ya 79: Icungwa ry'umutungo w'uwapfuye mu gihe cy'ivanguramutungo risesuye iyo abana batarageza ku myaka y'ubukure	**Article 79: Administration of the property of the de cujus under the separation of property regime when children are minor**	**Article 79: Gestion du patrimoine du de cujus sous régime de la séparation des biens au cas où les enfants sont mineurs**
Iyo uwapfuye asize abana batarageza ku myaka y'ubukure, uwapfakaye asigara acunga umutungo wose uwapfuye asize kugeza igihe abana bose bemewe n'amategeko yasize bageze ku myaka y'ubukure, bakazungura umutungo w'umubyeyi wabo wapfuye.	If the de cujus leaves minor children, the surviving spouse continues to ensure the administration of the inherited property on behalf of the minor children until all children attain the age of majority and succeed to the property of their deceased parent.	Si le de cujus laisse les enfants mineurs, l'époux survivant continue à gérer tous les biens du de cujus jusqu'à ce que tous les enfants légitimes atteignent l'âge de la majorité et succèdent les biens de leur parent décédé.
Iyo atubahirije izo nshingano yamburwa n'urukiko rubifitiye ububasha uburenganzira bwo kubacungira umutungo wose uwapfuye asize, rukagena ushinzwe kubarera no kubacungira umutungo kugeza igihe bagiriye imyaka y'ubukure.	In case he/she does not comply with his/her obligation, the competent court debars him/her from administering the whole property of the de cujus and designates a guardian who administers the property on behalf of the minors until they attain the age of majority.	Dans le cas où il ne remplit pas ses obligations, la juridiction compétente déclare la déchéance de son droit de gestion du patrimoine du de cujus et désigne le tuteur qui assure également la gestion du patrimoine au nom des enfants mineurs jusqu'à ce qu'ils atteignent l'âge de la majorité.
Uwapfakaye akomeza kuba mu nzu y'umuryango yabanagamo n'uwo bari bashyingiranywe n'ibiyirimo igihe cyose agifite abana babo arera bemewe n'amategeko uwapfuye asize. Ubwo burenganzira arabugumana kugeza igihe yongeye gushyingirwa cyangwa abana bageze ku myaka y'ubukure bakazungura umutungo w'umubyeyi wabo wapfuye.	The surviving spouse continues to live in the family house and uses all the equipment therein as long as he/she still has the custody on the legitimate children of the de cujus. He/she continues to enjoy those rights until he/she gets remarried or children attain the age of majority and succeed to the property of the deceased parent.	L'époux survivant continue de vivre dans la maison conjugale où il vivait avec l'autre époux et d'utiliser tout l'équipement qui s'y trouve aussi longtemps qu'il assure la garde de leurs enfants légitimes mineurs jusqu'à ce qu'il se remarie ou les enfants soient majeurs et succèdent à leur parent décédé.

Akiciro ka 3: Izungura ridafite nyiraryo

Ingingo ya 80: Igisobanuro cy'izungura ridafite nyiraryo

Izungura ryitwa ko ridafite nyiraryo, iyo nta muzungura cyangwa abazungura banze uburenganzira bwabo bwo kuzungura.

Subsection 3: Unclaimed succession

Article 80: Definition of the unclaimed succession

The succession is said to be unclaimed when there is no heir or heirs renounce to their right of succession.

Sous- section 3: Succession en déshérence

Article 80: Définition de la succession en déshérence

Une succession est dite en déshérence lorsqu'il n'y a aucun héritier ou lorsque les héritiers renoncent à la succession.

Ingingo ya 81: Inshingano za Leta mu gihe izungura ridafite nyiraryo

Mu gihe izungura ridafite nyiraryo umutungo uzungurwa wegurirwa Leta.

Leta igomba kurangiza inshingano z'uwapfuye hakurikijwe agaciro k'ibintu yakiriye.

Article 81: Obligation of the State in case of unclaimed succession

In case of unclaimed succession, the estate is vested in the State.

The State must execute the obligation of the de cujus up to the value of the property received.

Article 81: Obligation de l'Etat en cas d'une succession en déshérence

En cas de succession en déshérence, le patrimoine successoral est dévolu à l'Etat.

L'Etat est tenu à l'exécution des obligations du de cujus jusqu'à concurrence de la valeur des biens reçus.

Ingingo ya 82: Uko izungura ridafite nyiraryo rikorwa

Izungura ridafite nyiraryo rikorwa mu buryo bukurikira:

Article 82: Procedure for succession in case of unclaimed succession

The procedure for succession in case of unclaimed succession is as follows:

Article 82: Procédure de succession en déshérence

La procédure de succession en déshérence est conduite de façon suivante:

1° urukiko rubifitiye ububasha cyangwa Komite y'Abunzi byerekana ko izungura ridafite nyiraryo, bibisabwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge w'aho izungura rigomba kubera cyangwa w'aho umutungo uzungurwa uri;

2° mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1), urukiko cyangwa Komite y'Abunzi byaregewe bigomba gufata icyemezo kigaragaza by'agateganyo ko izungura

1° the competent court or the Abunzi Committee declares that property escheats following the petition of the Executive Secretary of the Sector where succession is expected to take place or where the estate is located;

2° within a period of one (1) month of receiving the petition, the court or the Abunzi Committee must provisionally declare succession unclaimed. In this case,

1° la juridiction compétente ou le Comité d'Abunzi constate la déshérence de la succession à la requête du Secrétaire Exécutif du Secteur du lieu de l'ouverture de la succession ou du lieu de situation du patrimoine successoral;

2° la juridiction saisie ou le Comité d'Abunzi doit, dans un délai d´un (1) mois, prononcer la déshérence provisoire de la succession. Dans ce cas, les biens sont administrés

ridafite nyiraryo. Muri icyo gihe umutungo ucungwa hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko ryerekeye imicungire y'imitungo yasizwe na beneyo;

3° icyo cyemezo kimanikwa ku biro by'Umurenge w'aho izungura rigomba kubera cyangwa w'aho umutungo uzungurwa uri;

4° nyuma y'imyaka itatu (3), ku mutungo wimukanwa n'imyaka itanu (5) ku mutungo utimukanwa uhereye igihe byemejwe ko umutungo ucunzwe by'agateganyo, urukiko cyangwa Komite y'Abunzi bibisabwe n'urwego rushinzwe gucunga imitungo yasizwe na beneyo rubifitiye ububasha ruteganywa mu itegeko ryerekeye imicungire y'imitungo yasizwe na bene yo bitangaza ku buryo budasubirwaho ko izungura ridafite nyiraryo maze umutungo uzungurwa ugahita wegurirwa Leta. Nyamara iyo ibihe by'ubuzime biteganyijwe n'itegeko rigena ubusaze bitararangira, umuzungura ubonetse ashobora gusaba ko asubizwa ibintu byari byareguriwe Leta;

5° Umuzungura wigaragaje mbere y'uko ibihe byavuzwe haruguru birangira azungura umutungo w'uwapfuye uko awusanze, hagakurwamo ibyakoreshejwe.

the property is administered in accordance with the provisions of the law relating to the management of abandoned property;

3° that decision is posted at the Office of the Sector of the place of the opening of succession or of location of the estate;

4° after three (3) years for movable property and five (5) years for immovable property from the date of the order to temporarily administer the property, the court or the Abunzi Committee, upon petition by the competent organ for the administration of abandoned property provided under the law relating to the management of abandoned property, irrevocably declares the succession unclaimed and the property in succession is automatically vested in the State. However, if prescriptions provided under the law on prescription has not yet expired, an heir who shows up may request the return of the property previously escheated to the State;

5° an heir who shows up before the expiry of the above-mentioned deadlines succeeds to the estate of the de cujus irrespective of the condition in which it is found and deduction of expenses incurred is done.

conformément à la loi relative à la gestion des biens abandonnés;

3° cette décision est publiée par voie d´affichage au bureau de Secteur du lieu d'ouverture de la succession ou du lieu de situation du patrimoine successoral;

4° après trois (3) ans pour les biens mobiliers et cinq (5) ans pour les biens immobiliers à compter de la décision ordonnant l'administration provisoire du patrimoine, la juridiction ou le Comité d'Abunzi, à la demande de l'organe compétent pour l'administration des biens abandonnés prévu par la loi relative à la gestion des biens abandonnés, déclare irrévocablement la déshérence de la succession et les biens en succession sont d'office dévolus à l'Etat.

Toutefois, si les délais de prescription prévus par la loi sur la prescription n'ont pas encore expiré, un héritier qui se présente peut réclamer la restitution des biens précédemment dévolus à l'Etat ;

5° l'héritier qui se présente avant l'expiration des délais visés précédemment, reçoit le patrimoine successoral du de cujus dans l'état où il se trouve et la déduction des dépenses encourues est faite.

Icyiciro cya 4: Iyegeranya n'igabanya ry'ibizungurwa

Akiciro ka mbere: Iyegeranya ry'ibizungurwa n'Inama ishinzwe iby'izungura

Ingingo ya 83: Kwegeranya ibizungurwa

Kwegeranya ibizungurwa ni ukubarura umutungo wose ugomba kuzungurwa kugira ngo abazungura b'uwapfuye cyangwa abo yahaye indagano babashe kwegukana ibyo bemerewe kuri uwo mutungo.

Ingingo ya 84: Inama ishinzwe iby'izungura

Inama y'umuryango ni yo ishinzwe gukemura impaka cyangwa ibibazo mu muryango byerekeranye n'izungura mbere y'uko bishyikirizwa Komite y'Abunzi cyangwa urukiko rubifitiye ububasha.

Iyo yiga ku bibazo byerekeranye n'izungura, inama y'umuryango igena abagize inama ishinzwe iby'izungura muri aba bakurikira:

1° uhagarariye abazungura igihe harimo abagejeje ku myaka y'ubukure;

2° uwapfakaye igihe ahamagawe mu izungura;

Section 4: Liquidation and partition of the estate

Subsection One: Liquidation and Succession Council

Article 83: Liquidation of the estate

Liquidation is a process of making inventory of the estate so that the heirs or legatees of the de cujus may acquire full ownership of the portion of the estate given to them.

Article 84: Succession Council

The Family Council has powers to settle any dispute or issue arising in the family in connection with succession before they are referred to the Abunzi Committee or the competent court.

When considering issues related to succession, the Council Family designates members of the Succession Council from among the following people:

1° a representative of heirs if they include those having attained the age of majority;

2° the surviving spouse in case he/she is called to succeed;

Section 4: Liquidation et partage du patrimoine successoral

Sous-section première: Liquidation de la succession et Conseil Successoral

Article 83: Liquidation du patrimoine successoral

La liquidation est l'action de faire l'inventaire du patrimoine successoral afin que les héritiers ou légataires du de cujus puissent acquérir la pleine propriété de leurs parts respectives dans cette succession.

Article 84: Conseil Successoral

Le Conseil de Famille est chargé de régler tout différend ou problème né dans la famille en rapport avec la succession avant la saisine du Comité d'Abunzi ou la juridiction compétente.

Lors de l'examen des questions liées à la succession, le Conseil de Famille désigne les membres du Conseil successoral parmi les personnes suivantes:

1° un représentant des héritiers s'ils comprennent ceux ayant atteint l'âge de la majorité;

2° l'époux survivant au cas où il est appelé à la succession ;

3° Uhagarariye umuryango w'uwapfuye;	3° the representative of the family of the de cujus;	3° le représentant de la famille du de cujus;
4° Abantu babiri (2) b'inshuti z'umuryango, umwe ku ruhande rw'umugabo, undi ku ruhande rw'umugore iyo bashyingiranywe.	4° two (2) friends of the family, one of whom is from the husband's side and the other who is from the wife's side if they were married.	4° deux (2) amis de la famille dont un du côté du mari et l'autre du côté de la femme lorsqu'ils sont mariés.
Inama ishinzwe iby'izungura igenzurwa mu mirimo yayo n'Inama y'Umuryango.	The Succession Council carries out its duties under the supervision of the Family Council.	Le Conseil Successoral exerce ses responsabilités sous la supervision du Conseil de Famille.
Ingingo ya 85: Inshingano z'Inama ishinzwe iby'izungura	**Article 85: Responsibilities of the Succession Council**	**Article 85: Responsabilités du Conseil Successoral**
Inama ishinzwe iby'izungura ifite inshingano zikurikira:	The Succession Council has the following responsibilities:	Le Conseil Successoral a les responsabilités suivantes:
1° guhitamo umuntu ushinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa no kumugenzura;	1° to choose and supervise the liquidator;	1° choisir et superviser le liquidateur;
2° kwemeza ibyakozwe n'ushinzwe kwegeranya ibizungurwa;	2° to approve the acts of a liquidator;	2° approuver les actes d'un liquidateur;
3° gufata ibyemezo ku mpaka zose zerekeranye n'imirimo y'ushinzwe kwegeranya ibizungurwa.	3° to take decisions on any disputes regarding duties of the liquidator.	3° prendre les décisions sur toutes les contestations concernant les tâches du liquidateur.
Ingingo ya 86: Ushinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa	**Article 86: Liquidator**	**Article 86: Liquidateur**
Uretse iyo irage ryabigennye ukundi, ushinzwe kwegeranya ibizungurwa atoranywa n'Inama ishinzwe iby'izungura ikamuha inshingano, harimo kugaragaza no kugena uko imyenda izungurwa izishyurwa, ikagena n'igihe ntarengwa	Unless otherwise specified in the will, the liquidator is designated by the Succession Council which sets out his/her responsibilities including presenting and determining the procedure for the repayment of the debts of de	Sauf disposition contraire du testament, le liquidateur est désigné par le Conseil Successoral qui lui attribue les responsabilités, y compris la présentation et la détermination des modalités de remboursement des dettes du

agomba kuba yazirangirije. Iyo bishoboka, agomba kuva mu bazungura b'uwapfuye.

Iyo arangije inshingano ze, ushinzwe kwegeranya ibizungurwa akorera raporo Inama ishinzwe iby'izungura kugira ngo yemeze ibyakozwe.

Ingingo ya 87: Kwishyura imyenda ikurwa mu mutungo uzungurwa

Mu kwishyura imyenda ikurwa ku mutungo, ushinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa agomba kubahiriza urutonde rukurikira:

1° ibyatanzwe mu ishyingurwa ry'uwapfuye;

2° ibyatanzwe mu icunga, iyegeranya n'ikigereranyo cy'ibizakoreshwa mu igabana ry'umutungo uzungurwa;

3° imyenda yose uwapfuye asize igejeje igihe cyo kwishyurwa;

4° indagano yatanzwe n'uwapfuye.

Akiciro ka 2: Uburenganzira bwo kwemera cyangwa kwanga kuzungura

Ingingo ya 88: Kwemera kuzungura

Ntawe uhatirwa kwemera kuzungura cyangwa gufata indagano yagenewe. Uzungura wese afite uburenganzira bwo kwemera cyangwa kwanga

cujus and also sets the deadline for the discharge of such responsibilities. If possible, the liquidator is chosen from among heirs of the de cujus.

Upon completion of his/her responsibilities, the liquidator reports to the Succession Council for approval of the acts performed.

Article 87: Payment of debts attaching to the estate

When paying charges attaching to the estate, the liquidator must comply with the following order:

1° funeral costs of de cujus;

2° the costs associated with the administration, liquidation and the estimation of expenses related to the partition of the estate;

3° all maturing debts left by the de cujus;

4° legacies made by the de cujus.

Subsection 2: Right to accept or renounce the succession

Article 88: Acceptance of succession

No person is bound to accept succession or legacy to which he/she is called. Every heir has the right to accept or renounce legacy.

de cujus et lui assigne également la date limite pour l'accomplissement de ces responsabilités. Si possible, le liquidateur est choisi parmi les héritiers du de cujus.

Dès la fin de ses responsabilités, le liquidateur fait rapport au Conseil Successoral pour approuver les actes accomplis.

Article 87: Règlement des dettes au patrimoine successoral

Dans le règlement des dettes au patrimoine successoral, le liquidateur doit respecter l'ordre suivant :

1° les frais funéraires du de cujus;

2° les frais d'administration, de liquidation ainsi que l'estimation des dépenses relatives au partage des biens successoraux;

3° toutes les dettes échues laissées par le de cujus;

4° les legs faits par le de cujus.

Sous-section 2: Droit d'accepter ou de renoncer à la succession

Article 88: Acceptation de la succession

Nul n'est tenu d'accepter la succession ou le legs auquel il est appelé. Tout héritier a le droit d'accepter le legs ou d'y renoncer.

indagano. Kwemera izungura cyangwa indagano bikorwa ku mugaragaro.	Acceptance of succession or legacy is expressed publically.	L'acceptation de la succession ou du legs est exprimée publiquement.
Iyo uzungura atagize icyo avuga kandi yaramenyeshejwe ko ari mu bazungura, bifatwa nk'aho yemeye kuzungura.	When the heir fails to make his/her opinion known despite being informed that he/she is one of the heirs, he/she is deemed to have accepted to succeed.	Lorsque l'héritier ne s'est pas prononcé alors qu'il a été informé qu'il fait partie des héritiers, il est réputé avoir accepté la succession.
Haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 87, agace ka 3°, uwemeye kuzungura azungura umutungo n'imyenda by'uwapfuye.	Subject to provisions of Article 87, point 3°, a person who accepts to inherit, inherits both the assets and liabilities of the de cujus.	Sous réserve des dispositions de l'article 87, point 3°, la personne qui accepte d'hériter, hérite l'actif et le passif du de cujus.
Ingingo ya 89: Guhitamo kuzungura	**Article 89: Exercising the right of option in succession**	**Article 89: Exercice de l'option successorale**
Guhitamo kuzungura bikorwa mu gihe cy'amezi atandatu (6) abarwa uhereye ku itariki uzungura cyangwa uragwa yamenyesherejweho n'ushinzwe kwegeranya umutungo uzungurwa ko afite uburenganzira bwo kuzungura cyangwa ku munsi we ubwe yagaragajeho ko afite ubwo burenganzira.	The right of option in succession is exercised within six (6) months after the date from which the liquidator informs the heir or legatee of his/her right to succeed or after the date from which he/she him/herself testifies to his/her status as a heir or legatee.	L'option successorale est exercée dans les six (6) mois à compter de la date où l´héritier ou le légataire a été informé par le liquidateur de sa qualité ou du jour où il en a lui-même fait état.
Umuntu ufite ububasha bwa kibyeyi ku mwana utaragera ku myaka y'ubukure ni we umuhitiramo kuzungura cyangwa kutazungura, mu gihe umuntu mukuru wambuwe ubushobozi we ahitirwamo n'umwishingizi we.	The minor's right of option in succession is exercised by the person exercising parental authority over him/her while that of an incapacitated person is exercised by the guardian.	L´option successorale pour le mineur est exercée par la personne qui exerce l´autorité parentale alors que celle du majeur interdit est exercée par la personne qui exerce la tutelle sur lui.
Iyo umuntu apfuye atemeye cyangwa ngo yange kuzungura, bikorwa n'abamuzungura.	When a person dies before exercising his/her right of option in succession, it is exercised by his/her heirs.	Lorsqu'une personne décède sans avoir exercé l´option successorale, son droit passe aux héritiers.

Ingingo ya 90: Inkurikizi zo kwemera kuzungura	**Article 90: Effects of acceptance of succession**	**Article 90: Effets de l´acceptation de la succession**
Iyo yemeye kuzungura, umuzungura wese agomba kuriha imyenda y'uwapfuye mu kigereranyo cy'uruhare agomba kubona ku mutungo uzungurwa.	In case of acceptance of the succession, any heir is bound to incur the liabilities of the de cujus in proportion to the portion of the estate devolving upon him/her.	En cas d'acceptation de la succession, tout héritier est tenu de supporter le passif du de cujus en proportion de la part du patrimoine successoral qui lui échoit.
Uwishyuye umwenda wose ashobora gusaba urukiko ko hahamagazwa abazungura kugira ngo bishyure uruhare rwabo kuri uwo mwenda.	A person having paid the total amount of the debt, may petition the Court to summon other heirs to pay their portion in such debts.	La personne qui a payé la totalité de la dette, peut demander à la juridiction de convoquer d'autres héritiers afin qu'ils puissent payer leur part de la dette.
Ingingo ya 91: Uburyo kwanga kuzungura bikorwamo	**Article 91: Modalities for renunciation of succession**	**Article 91: Modalités de renonciation à la succession**
Kwanga kuzungura bigomba kugaragazwa kandi bigakorwa mu nyandiko.	Renunciation of succession must be expressed and done in writing.	La renonciation à la succession doit être exprimée et faite par écrit.
Iyo uzungura atazi cyangwa adashobora kwandika, ashobora kuvuga mu magambo ko yanze kuzungura mu gihe cyagenwe.	If the heir cannot write or is unable to write, he/she may verbally renounce succession within the prescribed period.	Si l'héritier ne sait pas écrire ou est incapable d'écrire, il peut déclarer la renonciation verbalement dans les délais prescrits.
Kwanga kuzungura bimenyeshwa abandi bazungura cyangwa bikamenyeshwa ushinzwe kwegeranya umutungo iyo hari uwagenwe imbere y'abatangabuhamya babiri (2).	Renunciation of succession is communicated to other heirs or, if any, to the liquidator before two (2) witnesses.	La renonciation est communiquée aux autres héritiers ou, le cas échéant, au liquidateur devant deux (2) témoins.
Ingingo ya 92: Inkurikizi zo kwanga kuzungura	**Article 92: Effects of renunciation of succession**	**Article 92: Effets de la renonciation à la succession**
Uzungura wanze kuzungura afatwa nk'aho atigeze ashyirwa mu bagomba kuzungura. Ntasabwa kwishyura imyenda ikurwa ku mutungo uzungurwa.	An heir who renounces the succession is considered as having never been called to succeed. He/she is relieved of the obligation to pay debts attaching to the estate.	L'héritier qui renonce à la succession est considéré comme n'ayant jamais été appelé à la succession. Il n'est pas tenu de régler les dettes liées au patrimoine successoral.

Ingingo ya 93: Ukwisubiraho mu guhitamo kuzungura

Uzungura cyangwa uwahawe indagano wemeye cyangwa wanze kuzungura ntashobora kwisubiraho iyo igihe cyo guhitamo cyarangiye, keretse iyo byabayeho hakoreshejwe uburiganya, ingufu cyangwa ibikangisho kandi bikaregerwa mu rukiko mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) uhereye igihe ubwo buriganya, ingufu,cyangwa ibikangisho byarangiriye. Icyo gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) gishobora kongerwa habonetse impamvu zigaragara kandi zifatika.

Article 93: Revocability of the right of option in succession

The heir or legatee who has exercised the right of option can no longer reverse his/her choice after the expiration of the time limit for the exercise of his/her choice, unless such choice is the result of fraud, violence or threats and a legal action is filed before the court within twelve (12) months from the date of cessation of such acts. If the event is of valid and justified reasons, such a period of twelve (12) months may be extended.

Article 93: Révocabilité de l'option successorale

Un héritier ou le légataire qui a exercé l'option successorale ne peut plus revenir sur son option après l'expiration du délai limité pour exercer son option, à moins que celle-ci ne soit obtenue par dol, violence ou menace et qu'une action judiciaire soit intentée dans les douze (12) mois qui suivent la date à laquelle ces actes ont cessé. En cas de raisons valables et justifiées, ce délai de douze (12) mois peut être prolongé.

Akiciro ka 3: Kugabana umutungo uzungurwa

Subsection 3: Partition of the estate

Sous-section 3: Partage du patrimoine successoral

Ingingo ya 94: Igabana ry'umutungo

Igabana ry'umutungo ni uburyo Inama ishinzwe iby'izungura cyangwa Komite y'Abunzi cyangwa urukiko bagabanya umutungo uzungurwa hagati y'abawufiteho uburenganzira bose.

Article 94: Partition of the property

The partition of the property is the procedure by which the Succession Council or the Abunzi Committee or the court distributes the estate among all rightful beneficiaries.

Article 94:Partage du patrimoine

Le partage du patrimoine est la procédure par laquelle le Conseil Successoral ou le Comité d'Abunzi ou la juridiction opère une répartition du patrimoine successoral entre tous les ayants droit.

Ingingo ya 95: Uburyo igabana rikorwamo

Umutungo uzungurwa ugabanywa uko uri. Agaciro kawo kagenwa ku munsi w'igabana.

Iyo bidashobotse ko umutungo uko umeze ugenwa mu migabane ingana, abazungura babyumvikanyeho bagena inshumbushanyo abazungura babonye umugabane urenze uw'itegeko cyangwa irage ribemerera baha

Article 95: Modalities for partition

The estate is divided as it is. The value of that estate is determined on the date of partition.

Where it is impossible to divide the estate into equal portion of the estate as it is, heirs agree on the balance payable by the heirs receiving portions of a higher value than their actual portions they are entitled to under law or a will to

Article 95: Modalités de partage

Le patrimoine successoral est partagé selon son état. La valeur de ce patrimoine successoral est déterminée le jour du partage.

Lorsqu'il est impossible d'établir l'égalité des parts de patrimoine en l'état, les héritiers s'accordent sur une soulte que les héritiers ayant reçu une part supérieure à leur part légale ou testamentaire de la succession, donnent à ceux

ababonye umugabane muto. Iyo habayeho impaka hagati y'abazungura ku gaciro k'umutungo uzungurwa cyangwa kw'itangwa ry'inshumbushanyo, ikibazo gishyikirizwa Inama ishinzwe iby'izungura, Komite y'Abunzi cyangwa urukiko rubifitiye ububasha bikagena ako gaciro.

Iyo ibintu bimwe bidashobora kugabanyika uko bikwiye, abazungura bumvikana uburyo bwo kubicunga no kugabana inyungu. Iyo bibaye ngombwa ko bigurishwa, abazungura bagira uburenganzira bwo kuba babigura mbere y'undi muntu wese.

Iyo hari umuzungura wifuza kubona umugabane we nyamara abandi bazungura badashaka igabana ry'umutungo, abiregera mu rukiko rubifitiye ububasha mu buryo bw'ibirego bisanzwe, akaba yagenerwa uruhare rwe bitabaye ngombwa ko igabanywa rikorwa kuri bose.

those receiving smaller portions. In the event of disagreement between co-heirs as to the value of the estate or to the balance, they file the case to the Succession Council, Abunzi Committee or competent court for the determination of the value.

Where it is impossible to conveniently divide some assets, heirs agree upon modalities for administration thereof and partition of the proceeds. In case of sale of such assets, heirs enjoy the pre-emptive right to purchase such assets.

Where an heir wants to get his/her portion while other heirs do not want the estate to be divided into portions, he/she refers the matter to the competent court by way of ordinary proceedings so that he/she can receive his/her portion without requiring the partition of estate among all heirs.

qui ont reçu une part inférieure. En cas de désaccord entre les cohéritiers sur la valeur du patrimoine successoral ou de la soulte, ils introduisent l'affaire au Conseil Successoral, au Comité d'Abunzi ou à la juridiction compétente pour déterminer cette valeur.

Sicertainsbiensnepeuventêtre convenablement partagés, les héritiers s'accordent sur les modalités de leur administration et du partage des profits. En cas de vente de ces biens, les héritiers disposent d'un droit de préemption pour l´achat.

Si un héritier veut sortir de l'indivision et obtenir sa part alors que d'autres héritiers ne veulent pas que le patrimoine soit partagé, il saisit la juridiction compétente par voie de procédure ordinaire pour recevoir sa part sans que le patrimoine successoral soit partagé entre tous les héritiers.

Ingingo ya 96: Icungwa ry'umutungo wazunguwe n'abana bataragira imyaka y'ubukure

Umutungo wazunguwe n'abana barageza ku myaka y'ubukure ucungwa n'umubyeyi wabo wasigaye, yaba adahari ugacungwa n'ubafiteho ububasha bwa kibyeyi.

Article 96: Administration of the property inherited by minors

Property inherited by minors is administered by the surviving spouse or, in his/her absence, by the person exercising parental authority.

Article 96: Administration du patrimoine hérité par les enfants mineurs

Le patrimoine hérité par les enfants mineurs est administré pour leur compte par l'époux survivant et en son absence, par celui qui exerce sur eux l´autorité parentale.

Ingingo ya 97: Inkurikizi z'igabana

Igabana ritanga uburenganzira busesuye ku mutungo. Uzunguye yegukana ku buryo budasubirwaho umutungo wose azunguye.

Article 97: Effects of partition

Partition ensures an absolute right to property. An heir irrevocably acquires full ownership of all his/her succeeded portion.

Article 97: Effets du partage

Le partage garantit le droit absolu à la propriété. L'héritier acquit irrévocablement toute sa part succédée.

Ingingo ya 98: Kugaruza ibyarenze mu gihe cy'itangwa ry'impano	**Article 98: Claim for return of donations in excess of the freely disposable portion**	**Article 98: Action en rétrocession en cas de libéralités excessives**
Iyo uwapfuye yarengeje igice cy'ibyo yagombaga gutanga:	If the de cujus exceeds the freely disposable portion:	Si le de cujus a dépassé la quotité disponible:
1° indagano ntitangwa;	1° the legacy is not be executed;	1° le legs n'est pas exécuté;
2° abazungura bazigamirwa bashobora gusaba ko ibyarenze ku mpano byagaruzwa, haherewe ku mpano ziherutse gutangwa.	2° rightful heirs may claim for return of donations in excess of the freely disposable portion starting with the most recent donations.	2° les héritiers réservataires peuvent réclamer la rétrocession de la partie constituant le surplus de la quotité disponible, en commençant par les donations les plus récentes.
Icyakora, ikintu cyatanzwe mbere y'imyaka itatu (3) ibanziriza umunsi izungura ritangiriyeho ntigishobora kugaruzwa.	However, any property donated before three (3) years prior to the opening of succession is not subject to return.	Toutefois, un bien donné trois (3) ans avant la date de l'ouverture de la succession, ne peut être rétrocédé.
Ingingo ya 99: Igabana ry'ubutaka buzungurwa	**Article 99: Partition of inheritable land**	**Article 99: Partage successoral de la propriété foncière**
Ubutaka buzungurwa nk'uko undi mutungo utimukanwa uzungurwa.	Land is inherited in the same way as any other immovable property.	La propriété foncière est transmise par succession comme tout autre bien immeuble.
Igabana ryabwo rikorwa nk'uko iry'indi mitungo rikorwa.	The partition of the land is governed by the same rules as those applicable to the partition of other types of property.	Le partage d'une propriété foncière suit les mêmes règles que celles applicables au partage d'autres types de biens.
Icyakora, birabujijwe kugabanyamo ibice ubutaka bugenewe ubuhinzi n'ubworozi mu gihe ibice biva muri uko kugabanya bitanga ibice by'ubutaka bifite munsi ya hegitari imwe (1) buri gice cyagabanyijwe.	However, it is prohibited to subdivide plots of land reserved for agriculture and livestock if the result of such subdivision leads to parcels of land of less than one (1) hectare in size for each of them.	Toutefois, il est interdit de subdiviser les terres destinées aux activités agricoles et d'élevage lorsque la subdivision aboutit à des morceaux de terre de moins d'un (1) hectare pour chacun d'eux.

Abazunguye ubutaka bubujijwe kugabanywamo ibice babutunga bakanabukoreshereza hamwe mu buryo buteganywa n'itegeko.

Heirs of land prohibited for subdivision co-own and use the land in accordance with the law.

Les héritiers des terres pour lesquelles la subdivision est interdite possèdent et utilisent en commun ces terres conformément à la loi.

UMUTWE WA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 100: Itegeko rikurikizwa ku manza zikiburanishwa mu nkiko

Article 100: Applied law for cases pending before courts

Article 100: Loi applicable aux affaires en cours dans les juridictions

Imanza zose zari mu nkiko mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa ziburanishwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko ariko nta gihinduwe ku mihango y'iburanisha yakozwe.

Cases pending before courts before the commencement of this law are adjudicated in accordance with this Law. However, this Law does not have any retroactive effect on procedural steps already accomplished.

Les affaires en cours dans les juridictions lors de l'entrée en vigueur de la présente loi sont jugées conformément à la présente loi. Toutefois, la présente loi n'a pas d'effet rétroactif sur les actes de procédure déjà accomplis.

Icyakora, imanza zose ziri mu nkiko mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa, ziburanishwa hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko n◦ 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura:

However, cases brought before courts before the commencement of this Law, are tried in accordance with Law n° 22/99 of 12/11/1999 supplementing Book One of the Civil Code and instituting Part Five regarding Matrimonial Regimes, Liberalities and Successions, courts apply the previous law.

Toutefois, les affaires introduites devant les juridictions avant l'entrée en vigueur de la présente loi, sont jugées conformément aux dispositions de la Loi n° 22/99 du 12/11/1999 complétant le livre premier du code civil et instituant la cinquième partie relative aux régimes matrimoniaux, aux libéralités et aux successions, les juridictions appliquent la loi précédente.

1° iyo ibiteganywa n'iri tegeko bibangamiye uburenganzira umwe mu baburanyi yahabwaga n'ibiteganywa n'Itegeko n◦ 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura;

1° if provisions of this Law prejudice the right of one of the parties under the provisions of Law n◦ 22/99 of 12/11/1999 supplementing Book One of the Civil Code and instituting Part Five regarding Matrimonial Regimes, Liberalities and Successions;

1° si les dispositions de la présente loi portent atteinte au droit de l'une des parties conformément aux dispositions de la Loi n° 22/99 du 12/11/1999 complétant le livre premier du code civil et instituant la cinquième partie relative aux régimes matrimoniaux, aux libéralités et aux successions;

2° iyo iri tegeko rihindura ibyangombwa by'ishingiro cyangwa imihango ikirego kiri mu rukiko cyashingiyeho.	2° if this Law modifies the substance or any acts on which the case was referred on.	2° si la présente loi modifie la substance ou tout acte sur lequel l'affaire a été fondée.
Ingingo ya 101: Itegeko rikurikizwa mu izungura igihe igabana ritaraba	**Article 101: Law applicable to succession in respect of which partition remains pending**	**Article 101:Loi applicable à la succession dont le partage demeure en suspens**
Izungura ryafunguwe guhera ku itariki ya 1 Ukwakira 1990 ariko igabana rikaba ritaraba rizakorwa hakurikijwe iri tegeko.	A succession having been opened from October 1st, 1990 and whose partition has not yet taken place, is carried out in accordance with this Law.	Une succession ouverte à partir du 1er octobre 1990 mais qui est encore en indivision successorale est partagée conformément à la présente loi.
Ingingo ya 102: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 102: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 102: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Igifaransa, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	This Law was drafted in French, considered and adopted in Kinyarwanda.	La présente loi a été initiée en français, examinée et adoptée en kinyarwanda.
Ingingo ya 103: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranije n'iri tegeko	**Article 103: Repealing provision**	**Article 103: Disposition abrogatoire**
Haseguriwe ibiteganyijwe mu ngingo ya 100 y'iri tegeko, Itegeko n◦ 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, kimwe n'izindi ngingo zose z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko bivanyweho.	Subject to provisions of Article 100 of this Law, Law no 22/99 of 12/11/1999 supplementing Book One of the Civil Code and instituting Part Five regarding Matrimonial Regimes, Liberalities and Successions, and all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.	Sous réserve des dispositions de l'article 100 de la présente loi, la Loi n° 22/99 du 12/11/1999 complétant le livre premier du code civil et instituant la cinquième partie relative aux régimes matrimoniaux, aux libéralités et aux successions ainsi que toutes les autres dispositions légales contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 104: Igihe iri itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **08/07/2016**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 104: Commencement

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda

Kigali, on **08/07/2016**

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Article 104: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **08/07/2016**

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux